No 98 Kanama 2014

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## Ijambo ry'ibanze

**Inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi waryo Hon. Sheikh HARERIMANA Mussa Fazil.**

**Muri iyi nama hatowe abagize Biro y'Ihuriro bashya. Hon. BYABARUMWANZI Fancois, uturuka mu ishyaka PL (Liberal Party), yatorewe kuba Umuvugizi w'Ihuriro naho Madamu MUKOBWAJANA Florence, uturuka mu Ishyaka RiharaniraDemokarasi no KurengeraIbidukikije (Democratic Green Party of Rwanda) atorerwa kuba Umuvugizi Wungirije.**

**Inama Rusange yanakiriye Raporo y'ibikorwa na Raporo y'imikoreshereze y'imari n'Umutungo mu mwaka w'ingengo y'imari 2013/2014, irazemeza nyuma yo kungurana ibitekerezo no kuzikorera ubugororangingo.**

**Umuvugizi mushya, Hon. Byabarumwanzi, amaze gutorwa yijeje Inama Rusange ko bazakorana umurava kugirango Ihuriro rigere ku nshingano zaryo ndetse ritere imbere**

***Ubwanditsi***

## IHURIRO RYATOYE UMUVUGIZI N'UMUVUGIZI WUNGIRIJE BASHYA



***Abagize inama y'Inama Rusanga y'Ihuriro***

Kuri uyu wa kane, tariki ya 21 Kanama 2014, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro Hon. Sheikh HARERIMANA Mussa Fazil.

Inama Rusange yatangiye yemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 03/04/2014, imaze kuyikorera ubugororangingo mu myandikire.

Inama Rusange yakomeje yakira Raporo y'ibikorwa na Raporo y'imikoreshereze y'imari n'Umutungo mu mwaka w'ingengo y'imari 2013/2014, irazemeza nyuma yo kungurana ibitekerezo no kuzikorera ubugororangingo. Inama Rusange yemeje kandi Igenamigambi ry'Ibikorwa by'Ihuriro (Annual Action Plan) mu mwaka w'ingengo y'imari 2014/2015 n'ingengo y'imari izakoreshwa ingana na miliyoni magana atanu na makumyabiri n'esheshatu n'ibihumbi magana acyenda mirongo itandatu (Frw 526,960,000). Inama Rusange yasabye kandi ko hakwihutishwa ivugururwa ry' Igitabo cy'uburyo bw'imiyoborere n'icungamutungo by'Ihuriro (Financial and Administrative procedures Manual), bijyanye n'Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya politiki n'Abanyapolitiki rishya.

Muri iyi nama hatowe abagize Biro y'Ihuriro bashya. Hon. BYABARUMWANZI Fancois, uturuka mu ishyaka PL(Liberal Party), yatorewe kuba Umuvugizi w'Ihuriro naho Madamu MUKOBWAJANA Florence, uturuka mu Ishyaka Riharanira Demokarasi no KurengeraIbidukikije(Democratic Green Party of Rwanda) atorerwa kuba Umuvugizi Wungirije.

Umuvugizi mushya, Hon. Byabarumwanzi, amaze gutorwa yijeje Inama Rusange ko bazakorana umurava kugirango Ihuriro rigere ku nshingano zaryo ndetse ritere imbere; naho Umuvugizi wungirije Madamu Mukobwajana, asobanura ko umwanya atorewe atazawukoresha ashyira imbere inyungu z'Ishyaka DGPR aturukamo ahubwo azaharanira inyungu n'icyateza imbere Imitwe ya Politiki yose igize Ihuriro.

# ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

## ITANGAZO RY'INAMA Y'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None kuwa kane, tariki ya 21 Kanama 2014, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro Hon. Sheikh HARERIMANA Mussa Fazil.

Ku murongo w'ibyizwe hari :

- Kwemezainyandikomvugoy'inamay'InamaRusange yo kuwa 3/04/2014,
- Kugezwaho Raporo y'ibikorwa na Raporo y'imikoreshereze y'imari n'Umutungo mu mwaka w'ingengo y'imari 2013/2014no kuyemeza;
- Kwemeza Gahunda y'Ibikorwa by'Ihuriro (Annual Action Plan) mu mwaka w'ingengo y'imari 2014/2015;
- GushyirahoAbagize Biro y'Ihuriro.

Inama Rusange yatangiye yemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 03/04/2014, imaze kuyikorera ubugororangingo mu myandikire.
Inama Rusange yakiriye Raporo y'ibikorwa na Raporo y'imikoreshereze y'imari n'Umutungo mu mwaka w'ingengo y'imari 2013/2014,irazemeza nyuma yo kungurana ibitekerezo no kuzikorera ubugororangingo.

Inama Rusange yemeje kandi Gahunda y'Ibikorwa by'Ihuriro (Annual Action Plan) mu mwaka w'ingengo y'imari 2014/2015, inasaba ko hakwihutishwa ivugururwa ry' Igitabo cy'uburyo bw'imiyoborere n'icungamutungo by'Ihuriro (*Financial and Administrative procedures Manual*), bijyanye n'Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya politiki n'Abanyapolitiki rishya.

Inama Rusange yashyizeho Abagize Biro y'Ihuriro bashya, aribo **Hon. BYABARUMWANZI Fancois**, uturuka mu ishyaka PL, ku mwanya w'Umuvugizi; na **Madamu MUKOBWAJANA Florence**, uturuka mu Ishyaka RiharaniraDemokarasi no KurengeraIbidukikije*(Democratic Green Party of Rwanda*), ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije.
Inamayatangiyesaatatu (9h00') irangirasaa sita (12h00).

Bikorewe i Kigali, tariki ya 21/08/2014.

**KAYIGEMA Anicet**

**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**